Mutarama, 2023

# NYAMAGABE DISTRICT NEWSLETTER

Amakuru yaranze Mutarama, 2023

www.nyamagabe.gov.rw



Urubyiruko 1107 rwasoje amasomo y'igororamuco n'imyuga. Page 4-5



Guverineri Kayitesi yasabye abaturage kwirinda amakimbirane mu ngo. Page 6



Amarushanwa Umurenge Kagame Cup 7

## ABATURAGE BA NYAMAGABE BITABIRIYE UBUHINZI BUTEYE IMBERE



Mu Karere ka Nyamagabe, abaturage basobanukiwe gukora ubuhinzi bw'umwuga ubu bageze ku rwego rwo guhinga mu bihembwe byose kandi bagakora ubuhinzi busagurira n'amasoko.

Kuri ubu iyo ugeze mu Karere ka Nyamagabe ubona ibihingwa bimeze neza mu mirima kandi byitezweho umusaruro mwiza Page 5

### MINISITIRI BAYISENGE YASUYE AKARERE KA NYAMAGABE



Guhera ku wa 26 kugeza ku wa 28 Mutarama 2023, Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango, Prof. Bayisenge Jeannette yagiriye uruzinduko mu Karere ka Nyamagabe asura ibikorwa bitandukanye ndetse akorana inama n'abayobozi.

Ubutumwa yatanze muri uru ruzinduko bwagarutse ku kwita ku kubaka umuryango utekanye kandi ushoboye ndetse no kurwanya igwingira n'imirire mibi mu bana. Page 2-3

# Minisitiri Bayisenge yasuye imishinga y’iterambere mu Karere ka Nyamagabe

Guhera ku wa 26 kugeza ku wa 28 Mutarama 2023, Minisitiri w’Uburinganire n’iterambere ry’Umuryango, Prof. Bayisenge Jeannette yagendereye Akarere ka Nyamagabe maze asura ibikorwa bitandukanye ndetse akorana inama n’abayobozi ku kwihutisha iterambere ry’Akarere.

Ku munsi wa mbere w’uruzinduko, Minisitiri Bayisenge akaba n’imboni y’Akarere ka Nyamagabe muri Guverinoma yasuye Ibitaro bya Kaduha, umuhanda wa Kaduha-Mushubi ndetse asura n’Ibitaro bya Kigeme.

Mu Bitaro byombi, Minisitiri aherekejwe na Perezida w’Inama Njyanama y’Akarere, Uwamahoro Clothilde ndetse n’Umuyobozi w’Akarere ka Nyamagabe, Hildebrand Niyomwungeri bakoranye inama n’Ubuyobozi n’Abakozi b’Ibitaro maze baganira ku mitangire ya serivisi.

By’umwihariko, Minisitiri yasabye ko amavuriro y’ibanze (Health Posts) zidakora neza zafashwa zikarushaho gukora no kwegereza abaturage serivisi.




Minisitiri Bayisenge aherekejwe n'abayobozi b'Akarere ubwo yasuraga Ibitaro bya Kaduha



Minisitiri Bayisenge ari hamwe n'Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe basura ibikorwa byo mu mushinga wa Borderline Projects mu Murenge wa Gatare.

Ku munsi wa kabiri w’uruzinduko, Minisitiri Bayisenge yasuye ibikorwa by’iterambere mu Murenge wa Gatare. Muri uyu Murenge yasuye aharimo gucibwa amaterasi mu mishinga ikorerwa mu Mirenge ikikije Parike ya Nyungwe (Borderline Projects).

Yakomeje asura Koperative y’Abahinzi b’Icyayi yitwa COTHEGAB, aho yaganiriye n’Ubuyobozi bwa Koperative n’abahinzi bahagarariye abandi.

Minisitiri kandi yasuye agashya k’Iriba rya Masenge gaherereye mu Murenge wa Gatare. Mu Iriba rya Masenge abana batozwa umuco, kwirinda ingeso mbi, gukangurira imiryango kwirinda amakimbirane, kurwanya imirire mibi n'igwingira mu bana n'ibindi.

Muri ibi bikorwa yasuye, Minisitiri Bayisenge yatanze ubutumwa bwagarutse ku gukomeza ibikorwa by’iterambere by’umwihariko no kwita no gusigasira umuryango bahereye ku bana bato barindwa igwingira n’imirire mibi. Yibukije abaturage kandi kwirinda amakimbirane mu miryango kuko adindiza iterambere ryabo.



*Mu Iriba rya Masenge, Minisitiri Bayisenge n'Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe bagaburira abana indyo yuzuye*

Ku munsi wa kabiri w'uruzinduko, Minisitiri Bayisenge yakoranye inama 'abayobozi b'Inama Njyanama, Komite Nyobozi y'Akarere, abakozi b'Akarere, Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge, inzego z'umutekano n'abahagarariye inzego z'urubyiruko (NYC), abagore (CNF) n'amadini.

Muri iyi nama Minisitiri yasobanuriwe aho imihigo y'Akarere igeze ishyirwa mu bikorwa ndetse bungurana n'ibitekerezo ku bikorwa bitandukanye byateza imbere Akarere ka Nyamagabe.



*Minisitiri Bayisenge yakoranye inama n'abayobozi batandukanye mu Karere bamugaragariza aho imihigo igeze ishyirwa mu bikorwa*

Ku munsi wa gatatu w'uruzinduko, Minisitiri Bayisenge yifatanyije n'abaturage b'Umurenge wa Buruhukiro mu muganda rusange usoza ukwezi kwa Mutarama. Muri uyu muganda haciwe amaterasi ku buso bungana na 4.5 hectares ndetse hanahingwa imirima mu rwego rwo gutegura igihembwe cy'ihinga cya 2023B.





*Minisitiri Bayisenge yifatanyije n'abaturage  b'Umurenge wa Buruhukiro mu muganda usoza ukwezi kwa Mutarama*



*Minisitiri Bayisenge mu ifoto y'urwibutso n'abayobozi batandukanye mu Karere ka Nyamagabe*

Mbere yo gusoza uruzinduko, aherekejwe na Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe ndetse n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Thaddée Habimana, Minisitiri yasuye imihanda ya kaburimbo irimo kubakwa mu Mujyi wa Nyamagabe.





# Abarenga 1100 basoje amasomo y'igororamuco mu Kigo cya Nyamagabe

Urubyiruko 1107 ruturuka mu Gihugu hose rumaze umwaka rugororerwa mu Kigo Ngororamuco cya Nyamagabe rwasoje amasomo y'igororamuco n'imyuga.

Ni umuhango wabaye ku wa 19 Mutarama mu Kigo giherereye mu Murenge wa Gatare aho abasoje amasomo bagaragaje ubumenyi bize bujyanye n'imyuga yo kubaza no gukora amashanyarazi. Bize kandi ubuhinzi ndetse abandi bigishwa kwandika, gusoma no kubara.



*Umunyamabanga wa Leta muri Minaloc n'abandi bayobozi berekwa ibyo abasoje amasomo y'igororamuco bigishijwe*

Igikorwa cyo gusoza aya masomo cyayobowe n'Umunyamabanga wa Leta Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage muri Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, Mme Ingabire Assumpta wari hamwe n'Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe, Hildebrand Niyomwungeri; Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igororamuco (NRS), Mufulukye Fred; Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza n'Ubukungu, Urujeni Martine; abayobozi b'Uturere tw'Intara y'Amajyepfo Bungirije bashinzwe Imibereho Myiza y'abaturage n'abandi.

Muri uyu muhango, Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe yagarutse ku byo urubyiruko rwigishijwe muri iki Kigo birimo indangagaciro n'uruhare rwabo muri gahunda za Leta ndetse bakaba barize imyuga, ububaji n'amashanyarazi.



Yashimye ubufatanye bwaranze ikigo gishinzwe igororamuco n'Akarere ka Nyamagabe kugira ngo ibi byose bigerweho. Ati "Turashima imirimo yose ikorerwa hano mu kugorora ababa barabaswe n'ibiyobyabwenge kubera impamvu zitandukanye".

Yashimye ko mu kugaragaza uruhare rw'urubyiruko mu kurwanya ibiyobyabwenge n'ubuzererezi, uru rubyiruko rumaze gusobanukirwa ko inzira rwarimo atari yo, rwafatanyije n'abakozi b'iki kigo mu bukangurambaga bwo kudata ishuri, kwirinda ibiyobyabwenge n'ingaruka zabyo.

Umuyobozi w'Akarere yongeyeho ko urubyiruko rwakoze umuganda wo gufasha abatishoboye muri uyu Murenge wa Gatare. Ati "Tuzakomeza gushyigikira uru rubyiruko mu buzima rujemo turufasha kwisanga mu muryango nyarwanda".



*Urubyiruko 1107 nibo basoje amasomo y'igororamuco*



Mu ijambo yagejeje ku basoje amasomo y'imyuga n'igororamuco Umunyamabanga wa Leta muri MINALOC yavuze ko Leta yashyizeho ingamba zita ku muturage hakaba by'umwihariko na politiki iteza imbere urubyiruko.

Yavuze ko iyi gahunda y'igororamuco Leta yayishyizeho kugirango ifashe uwatannye agororwe kandi yige n'imyuga. Avuga ko Leta yumva ko bishoboka ko umuntu yahinduka agasubira mu buzima bwiza.

Yagize ati "Kuba muri aha uyu munsi ni uko twumva ko bishoboka, ni uko tubabonamo abantu b'abanyembaraga. Kuko Leta ibafitemo icyizere namwe mukigirire".

Yakomeje agira ati "Igihe mumaze hano ntikizababere impfabusa, turabasaba ngo mugende mube urumuri iwanyu, turifuza ko mugenda mudufashe urubyiruko murwigishe murusobanurire ibibi byo kwishora mu ngeso mbi".

Muri uyu muhango, abahize abandi mu masomo bigishijwe mu Kigo Ngororamuco cya Nyamagabe bahawe ibyemezo by'ishimwe (certificates).



---

## Amafoto agaragaza iterambere ry'ubuhinzi mu Karere ka Nyamagabe











# Mbazi: abaturage bibukijwe kurwanya amakimbirane mu miryango

Ku wa 17 Mutarama 2023, Guverineri w'Intara y'Amajyepfo, Alice Kayitesi yifatanyije n'abaturage b'Akagari ka Ngara mu Murenge wa Mbazi mu nteko y'abaturage aho yabasabye kwirinda no gukumira amakimbirane mu ngo kuko bigaragara ko ari ikibazo muri uyu Murenge.

Muri iyi nteko y'abaturage, Guverineri yari aherekejwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Habimana Thaddée aho baganirije abaturage kuri gahunda zitandukanye zigamije iterambere ry'imibereho myiza n'ubukungu.



*Guverineri Kayitesi aganira n'abaturage b'Umurenge wa Mbazi*

Guverineri Kayitesi yibukije abaturage kwitabira kwishyura inguzanyo za VUP zihabwa abaturage kugira ngo babashe kwikura mu bukene. Yabibukije kandi kwitabira kwizigamira muri gahunda ya EjoHeza no kwitabira kohereza abana ku ishuri.

Mu mwaka ushize, muri uyu Murenge, abaturage bahawe amafaranga yo kwiteza imbere binyuze muri Give Directly. Guverineri yabibukije ko aya mafaranga ari ayo kugira ngo babashe kwikura mu bukene adakwiye kuba intandaro y'amakimbirane mu muryango.

Yagize ati "Iyo ndebye mu mibare y'ibyaha, hano hari ikibazo cy'ubuharike no gucana inyuma bikomeye. Ariko muzi ko ubuharike n'ubusambanyi ari icyaha gihanwa n'amategeko?"

Yakomeje agira ati "Ikintu gikomeye, amakimbirane yo mu muryango ya mbere ahungabanya umutekano avamo kwicana, gukomeretsanya n'ibindi bibi cyane, bituruka ku buharike n'ubushoreke n'ingo nyinshi zisenyuka zisenywa n'ubuharike n'ubushoreke kurusha ikindi icyo aricyo cyose abashakanye bapfa".



Muri iyi nama, Guverineri yakiriye ibibazo by'abaturage maze ku bufatanye n'Ubuyobozi bw'Akarere n'Umurenge barabikemura, ibitakemukiyeho bihabwa umurongo.



*Iyi nama yari yitabiriwe kandi n'Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu*

# Nyamagabe hatangiye amarushanwa Umurenge Kagame Cup

Ku wa 14 Mutarama 2023, mu Karere ka Nyamagabe hatangijwe amarushanwa yitiriwe Umukuru w'Igihugu, amarushanwa azwi nka 'Umurenge Kagame Cup'.

Aya marushanwa yatangiye mu Mirenge yose uko ari 17 igize Akarere ka Nyamagabe hakaba harakinwe football, volleyball na basketball.

Mu gutangiza aya marushanwa ku rwego rw'Akarere byabereye kuri Stade Nyagisenyi ahahuriye ikipe zo mu Mirenge ya Gasaka na Kamegeri. Igikorwa cyitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe, Hildebrand Niyomwungeri ari hamwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Thaddée Habimana ndetse n'abo mu nzego z'umutekano.









Mu butumwa yatanze, Umuyobozi w'Akarere yavuze ko aya marushanwa ari uburyo bwiza bwo kugirango abaturage bishakemo ibisubizo, bidagadure kandi bagire ibyishimo bishingiye ku buzima bwiza.

Yibukije abaturage kwitabira no gukora siporo mu buzima bwa buri munsi badategereje igihe cy'amarushanwa. Yibukije ko uburyo bwiza bwo kurwanya no kwirinda indwara zitandura ari ugukora siporo.



By'umwihariko, Umuyobozi w'Akarere yasabye urubyiruko kurwanya ubusinzi ndetse n'ibiyobyabwenge, avuga ko Umukuru w'Igihugu ahora ahangayikiye urubyiruko kandi inzira nziza yo kurwanya ibiyobyabwenge ari ugukora siporo.

Yagize ati "Iyo Umukuru w'Igihugu ashyizeho amarushanwa nk'aya, ni ikimenyetso cy'imiyoborere myiza. Kugira ngo tugire imiyoborere myiza ni uko natwe dukora ibyo yifuza".

# Igitondo cy'Isuku: Abajyanama b'Akarere bifatanyije n'abaturage mu bikorwa by'isuku

Ku wa 17 Mutarama 2023, abajyanama bagize Komisiyo y'Imiterambere ry'Imibereho Myiza mu Nama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe bifatanyije n'abaturage b'Umurenge wa Tare mu bikorwa by'igitondo cy'isuku.

Iki gikorwa Komisiyo yagiteguye mu rwego ry'ubukangurambaga bugamije gukomeza gukangurira abaturage kugira umuco w'isuku aho batuye n'aho bakorera.

Muri ibi bikorwa baharuye umuhanda kandi bakorera uturima tw'igikoni duhinzeho imboga zigaburirwa abanyura by'igihe gito muri Transit Center ya Tare.











Nyuma y'ibi bikorwa, abajyanama bayobowe na Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Uwamahoro Clothilde ndetse n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza, Uwamariya Agnes baganiriye n'abaturage kuri gahunda za Leta zitandukanye.

Basabye abaturage gukomeza kwitabira ibikorwa by'isuku kandi ibyo bigakorwa abagabo n'abagore bafatanyije. Bibukijwe kwitabira kohereza abana mu ishuri bakirinda ko hari umwana ushobora gusiba cyangwa kuva mu ishuri.

Muri Mutarama, ibikorwa by'Igitondo cy'Isuku byakomeje mu Mirenge yose igize Akarere ka Nyamagabe hibandwa ku gukemura ibibazo bibangamiye imibereho myiza y'abaturage.

# Ababyeyi basabwe kwita ku burere bw'abana

Ku wa 03 Mutarama 2023, mu Karere ka Nyamagabe habaye ibirori byo kwifuriza abana umwaka mushya mwiza wa 2023 maze ababyeyi bakangurirwa kwita ku burere bw'abana no kubitaho kugira ngo bazabashe gukura neza.

Uyu muhango witabiriwe na Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Clothilde Uwamahoro, Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza, Uwamariya Agnes n'abandi bayobozi mu nzego zitandukanye.

Mu butumwa yahaye abitabiriye ibi birori, Umuyobozi w'Akarere Wungirije yacvuze ko mu gihe umwana wese yitaweho yagirira akamaro umuryango ndetse n'Igihugu muri rusange.



Uyu Muyobozi yabwiye ababyeyi ko iyo umwana akuriye mu muhanda agira ubuzima bubi bityo akaba yahungabanya n'umutekano w'umwana ufite aho kuba maze bikaba byagira ingaruka kuri abo bana bombi.

Umuyobozi yasabye ababyeyi gutekereza k'ubuzima bw'abana bo mu muhanda ababwira ko n'uwo mwana uri mu muhanda yitaweho akajyanwa mu ishuri yaba umwana muzima ndetse akaba n'umuntu ukomeye.

Yagize ati" Twese uko turi aha twaciye mu bwana kandi ntawari uzi ejo hazaza hacu iyo rero tutitabwaho ubu ntituba turi abo turi bo". Yababwiye ko rero ababyeyi bose bagomba gutekereza kuri abo bana badafite aho kuba n'ubitaho.

Muri uyu muhango kandi hatanzwe impano z'ibikoresho harimo amakaye, inkweto, ibikapu n'ibindi ku bana bakuwe mu muhanda bagasubizwa ku ishuri, abakiri mu muhanda, ndetse n'abana bafite ubumuga.

Umuyobozi yashimiye ababyeyi baje kwifatanya n'abana.

**AMAFOTO**







## Ubuyobozi bw'Akarere ka Nyamagabe bwifurije abana umwaka mushya mwiza

Ku wa 03 Mutarama 2023, Ubuyobozi bw'Akarere ka Nyamagabe bwateguye ibirori byo kwishimira umwaka mushya wa 2023 maze busangira kandi bwifuriza abana bafite imibereho itari myiza umwaka mushya.

Ni ikorwa cyabereye kuri Golden Monkey Hotel kiyoborwa na Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Uwamahoro Clothilde wari hamwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza, Uwamariya Agnes ndetse n'abandi bayobozi mu nzego zitandukanye. Hitabiriye kandi ababyeyi n'abana.

Iki gikorwa cyateguwe ku nsanganyamatsiko igira iti "Babyeyi dufatanye kwita ku burere bw'abana bacu".






Mu butumwa yageneye abana, Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere yabibukije ko bafite inshingano yo kwiga, kuba abana beza, kubaha ababyeyi, kubaha abarimu/ababarera no kugira isuku.

Yabibukije guharanira kwiremera icyo bazaba cyo guhera uyu munsi kuko bafite amahirwe yo kugira Igihugu kibakunda kandi kibaha amahirwe angana.

Yagize ati "hari uburezi budaheza nta mpamvu n'imwe yatuma hari umwana utajya ku ishuri".



Umwihariko w'iki gikorwa wari ugusangira iminsi mikuru n'abana badafite abayibategurira kubera ubuzima babayemo bitewe n'ibibazo bituruka mu miryango bavukamo.

Muri ibi birori, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza yavuze ko iyo ibibazo byugarije umuryango bigira ingaruka ku bana bigatuma bajya mu buzererezi, bagakoresha ibiyobyabwenge, bagakoreshwa imirimo mibi n'ibindi. Abo bana ntibabona uko bizihiza iminsi mikuru nk'abandi kuko ntawe babaza.

Yagize ati "Twatekereje uyu munsi kugirango tubwire abo bana ko duhari kubwabo. Iki gikorwa kigamije kubereka ko batari bonyine".

Ibi birori byaranzwe kandi n'imyidagaduro aho abana bafite impano zitandukanye bazigaragaje. Abana batishoboye, abavanywe mu buzererezi n'abafite ubumuga bahawe impano zitandukanye.



## Umuyobozi w'Akarere yaganiriye n'ubuyobozi bw'uruganda rwa mushubi ku kongera umusaruro

Ku wa 10 Mutarama 2023, Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe, Hildebrand Niyomwungeri yasuye uruganda rw'Icyayi rwa Mushubi ruhererereye mu Murenge wa Buruhukiro maze aganira n'ubuyobozi bw'uruganda ku buryo bwo kongera umusaruro utunganywa n'uru ruganda.



Umuyobozi w'Akarere yatemberejwe inyubako z'uruganda asobanurirwa inzira binyuramo mu gutunganya icyayi kuva amababi yinjiye mu ruganda kugeza hasohotse icyayi gitunganyijwe.

Mu biganiro bagiranye barebye ku ishusho n'imikorere by'uruganda muri rusange n'uko rukorana n'abahinzi.

Ubuyobozi bw'uruganda bwagaragaje ko kuri ubu bakira umusaruro muke ugereranyije n'ubushobozi uruganda rufite bwo gutunganya icyayi, bakaba bakeneye ubutaka buhagije bwo kwaguriraho icyayi.

Umuyobozi w'Akarere yijeje ko ku bufatanye bazakomeza ubukangurambaga mu baturage kugira ngo bitabire guhinga icyayi maze bizafashe n'uruganda kuzamura umusaruro w'icyo rutunganya.

Ubuyobozi bw'uruganda kandi rwagaragaje izindi mbogamizi zitandukanye bifuza gufatanyamo n'Akarere kugira ngo zikemurwe. Umuyobozi w'Akarere yabasezeranyije ubufatanye mu kuzikemura.

---

## Abagabo barenga 1200 bakebwe ku bushake

Ku bufatanye n'umushinga wa AHC ufatanyije n'Ingabo z'u Rwanda RDF, abagabo 1205 bo mu Karere ka Nyamagabe bakebwe (gusiramura) ku bushake.

Ni igikorwa cyakozwe guhera taliki ya 16 kugeza ku ya 28 Mutarama 2023 gikorerwa mu bigo nderabuzima bya Nyarusiza, Ngara, Uwinkingi, Kibilizi, Shaba, Kibumbwe, Kitabi, Mugano, Buruhukiro, Kaduha, Musebeya, Nyarwungo no ku Bitaro bya Kaduha.

Muri iki gikorwa hasiramuwe abagabo n'abasore bafite imyaka 15 kuzamura cyane cyane abagabo bakuru. Iki gikorwa cyakozwe ku buntu.

Ubushakashatsi bwagaragaje ko gusiramura birinda kwandura sida ku kigero cya 60%, bikarinda abagore kanseri y'inkondo y'umura ndetse bikanongera isuku ku bagabo.

# Mu Murenge wa Tare hatashwe Ikigo cy'Ishuri gishya

Ku wa 25 Mutarama, Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe, Hildebrand Niyomwungeri ari hamwe n'Umuyobozi Uhagarariye Margrit Fuchs Foundation mu Rwanda n'Umuyobozi wa Bureau Social de Développement batashye ku mugaragaro ishuri rya EP Kimina mu Murenge wa Tare ryubatswe ku bufatanye bw'Akarere na Margrit Fuchs binyuze muri Bureau Social.

Iri shuri rifite abana 559, ku bufatanye n'aba bafatanyabikorwa, abanyeshhuri bose bahawe imyambaro y'ishuri.



Kimwe n'andi mashuri yose, iki kigo cyuzuye mu mpera z'umwaka ushize gifite ubwiherero bw'abanyeshuri, ibiro by'umuyobozi w'ishuri, icyumba cy'abarimu, ibikoresho by'igikoni n'ibyo abana bazajya bariraho.

Mu butumwa bwe, Umuyobozi w'Akarere yashimye abafatanyabikorwa ku bwo gufatanya na Leta kwegereza amashuri aho abantu batuye bigatuma abana badakora urugendo rurerure bajya kwiga.

Yavuze ko iyo abana bakora urugendo rurerure bajya ku ishuri bituma batiga neza. Yakanguriye abanyeshuri gukunda kwiga no gusubiramo amasomo mu rugo.

Umuyobozi w'Akarere kandi yasabye ababyeyi gushishikariza abana kwitabira ishuri, abibutsa no gutanga umusanzu wabo ku ifunguro ry'abana.

Mukomeze mukurikire amakuru y'Akarere ka Nyamagabe buri munsi unyuze ku mbuga z'Akarere zigaragara aha hasi. Mushobora no kutwandikira mukaduha amakuru n'ibitekerezo.

info@nyamagabe.gov.rw

3201

www.nyamagabe.gov.rw

@Nyamagabe

Nyamagabe District

*IMPARIRWAMIHIGO ZA NYAMAGABE*

*Ubumwe bwacu nizo mbaraga zacu*